Umutangabuhamya wa Victoire Ingabire yagiye gucumbikirwa ahantu hadasanzwe

http://www.izuba-rirashe.com

17/05/2013

Victoire Ingabire mu rukiko (Ifoto/Interineti)

Urukiko rw'Ikirenga rwategetse ko umutangabuhamya AA wa Ingabire Victoire ajyanwa kuba ahantu hihariye agacungirwa umutekano, akabuzwa guhura n'abantu bose kandi akitabwaho mu buryo bwose, akarindwa icyamutera igihunga kandi akarindwa no ku buryo bw'umubiri (morale et physique), kugeza arangije gutanga ubuhamya bwe yisanzuye.

Uyu mwanzuro wafashwe nyuma y'ibyari biteganijwe ko kuri uyu wa 17 Gicurasi 2013 ari bwo umutangabuhamya AA agaruka mu rukiko, gusa ntibyakunze kuko ngo AA yavuze ko yumva atameze neza.

Impamvu y'uyu mwanzuro w'urukiko

Kuva ku munsi we wa mbere, kuya 16 Gicurasi, urukiko rwemereye uyu mutangabuhamya icyifuzo cye cyo kutagaragara mu rukiko no kuvuga umwirondoro we, bityo ahabwa izina rya AA.

Mu gitondo cyo kuri uyu wa 17 Gicurasi, AA ntiyashoboye kugera mu rukiko, bityo rwemeza ko urubanza ruzakomeza kuya 24 Gicurasi.

Nyuma yo kurusubika, urukiko rwongeye guhamagara ababuranyi bombi rubamenyesha ko urubanza rukomeza saa munani kuko AA yabonetse.

Ahagana saa cyenda na 15 (15h15), nibwo urubanza rwasubukuwe maze umucamanza w'uru rubanza, Kayitesi Sylvie Zayinabo asobanura ko umutangabuhamya AA yaje kuboneka nyuma y'imbaraga nyinshi urukiko rwakoresheje rumushakisha.

Umwunganizi wa Madame Victoire Ingabire witwa Me Gatera Gashabana, urukiko rwagaragaje ko ataje mu rukiko nyamara mbere ya saa sita yari ahari.

Umutangabuhamya AA, n'ubwo atagaragaraga ariko ijwi rye ryumvikanaga. Yavuze ko kuva ku ya 16 Gicurasi akiva mu rukiko yumva atamerewe neza ndetse byanatumye ajya kwa muganga.

AA yisobanuye avuga ko ubwo yiyemezaga gutanga ubuhamya yari azi ko ari ibintu byoroshye, ariko ko atari ko yabisanze.

Nyuma yo kumva AA, umucamaza Kayitesi Sylvie Zayinabo yavuze ko urubanza ruzakomeza kuya 24 Gicurasi, ariko abaza ababuranyi bombi niba hari icyo bashaka kubivugaho.

Madame Victoire Ingabire yavuze ko umutangabuhamya AA yakwemererwa kuzagaruka kuya 24 Gicurasi niba urukiko rukimukeneye kandi na we akibyemera.

Madame Ingabire yongeyeho ko ibyo umutangabuhamya AA avuga ari nabyo uruhande rwe rwari rumutegerejeho.

Uruhande rw'ubushinjacyaha rwavuze ko ubuhamya bwa AA bwateshwa agaciro, ko butizeye abo yaba yabonanye nabo mu gihe cyose atashoboraga kugaragara, kandi ko kuba atubahirijije gahunda ubwe yahaye urukiko biba ari ugusuzugura urukiko, mu gihe icyo rwemeje kiba ari itegeko ryubahwa na buri wese kugeza kuri Perezida wa Repubulika.

Ubushinjacyaha buyobowe n'Umuvugizi wabwo Alain Mukurarinda, bwasabye urukiko guhana AA kandi runasaba ko yashyirwa ahantu hihariye akanakorerwa igenzura 100%, mu gihe rwaba rufashe umwanzuro wo kuzongera kumwiyambaza kuya 24 Gicurasi 2013.

Umucamanza Kayitesi Sylvie Zayinabo yasubije ubushinjacyaha ko gutesha agaciro ubuhamya bwa AA kubera ibyo atubahirije bitakwemezwa n'urukiko bidakorewe ikiganiro mpaka (debate), kandi ko itakorwa mu gihe umwunganizi [Me Gatera Gashabana] adahari.

Umucamanza yavuze ko serivisi y'urukiko ishinzwe kurinda abatangabuhamya igiye kumushyira ahantu ho kuba hazwi, ariko bitavuze ko afunzwe. Ngo azacungirwa umutekano we, arindwe kubonana n'abantu.

Umucamanza Zayinabo, yabwiye umutangabuhamya AA ko ibyo bikozwe mu nyungu z'ubutabera kugira ngo ashobore gutanga ubuhamya bwe neza nk'uko yabyifuje, ariko ko nabirengaho azafatirwa ibihano, ko aba agomba kubahiriza ibyemezo byose by'urukiko kuko biba byafashwe mu nyungu z'abantu bose.

Faustin Niyigena